Nyiricyubahiro Mgr Visenti HAROLIMANA yageze mu Ruhengeri

Ku wa 20/02/2012 Nibwo Musenyeri Visenti HAROLIMANA yageze muri Diyosezi yatorewe kubera Umushumba. Nyuma yo gusezerwaho no guherekezwa neza n'imbaga yo ku NYUNDO, cyane cyane iyo mu Iseminari nto yitiriwe Mutagatifu Piyo X, uwo mushumba mushya yakiriwe neza cyane n'imbaga yaje asanga.

Kuva mu Iseminari:
Asohoka mu cyumba amazemo imyaka irenga icumi wabonaga yihagazeho yishimye kandi akeye rwose. Ageze aho abagombaga kumuherekeza bari bamutegerereje umucyo wakomeje kumuranga. Ariko yinjira mu modoka agenda wabonaga atabuze kugira icyo yibaza! Yazamuraga akaboko agapepera aseka! Nyamara agisohoka mu Iseminari, abona abo bana bakikije amarembo kugera ku muhanda wa kaburimbo, bafite indabo, banyuzamo bakaririmba ngo "**aragiye, arigendeye, aradusize**...", imbaraga zizamura akaboko zabaye nke! Ni uko ay'umugabo atemba ajya mu nda, kandi na Musenyeri akaba Umugabo koko, ubanza kumuhoza byari kutugora!

Mu Ruhengeri:
Musenyeri Visenti yari ategerejwe koko. Imbaga y'abakristu bahagarariye abandi, aba padiri bose ba Diyosezi ya Ruhengeri na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE umuyobozi wayo akaba n'umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, bari bafite akanyamuneza kagaragazwa n'ibyishimo byinshi.

Umushumba mushya wa Diyosezi ya Ruhengeri acyinjira mu marembo magari y'aho azatura, indirimbo z'ibyishimo no gishimira Imana zararimbwe, zaba iz'abamuherekeje cyangwa se iz'abo asanze.
Ibyakurikiye ni ibi:

- Ijambo ry'ikaze ryavuzwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE S.J.
- Isengesho ryakorewe muri Chapelle y'Umwepiskopi
- Kwakira abashyitsi
- Gusezera

Mu gihe abashyitsi bakirwaga, habonetse umwanya wo kuganira.
Abazanye umugeni bavugiwe na Mgr JMV NSENGUMUREMYI JMV igisonga cy'umwepiskopi wa NYUNDO. Ijambo rye turishyize mu nteruro ebyiri, n'ubwo bitoroshye bwose riravuga riti:" **Tubahaye intwari kuko tudashobora kugira uwo dupfunyikira amazi! Arakora, arasabana, azi no kugisha inama kandi akazibyaza umusaruro!"**.

Nyiricyubahiro Mgr Visenti HAROLIMANA nawe yafashe Ijambo, Asuhuza abari aho bose kandi ashimira Imana:
Atangira yaravuze ati:"Nari maze imyaka kimwe namwe mwese nsaba Imana ngo ihe Diyosezi ya RUHENGERI UMUSHUMBA... ngiye kubona mbona ejo bundi NYIRUBUTUNGANE atangaje ko ari njye ahisemo, ndatungurwa kuko ntigeze mbyisabira ariko na none mbyakira nk'ubutumwa bukomeye mpawe! Ni ubutumwa bwatumye ndagadwa, mfata umwanya wo gutuza kugira ngo mbone icyo nsubiza... Ngeze aho nti ugushaka kw'Imana gukorwe... Uyu munsi naje neza ariko bitewe n'uburyo nasezewe, n'uko nabonaga abaseminari sinabashije kugira icyo mvuga kuko bitari binyoroheye. Naje ngerageza gushaka kumva ibyambayeho. Igitangaza ni uko nongeye kuvuga abo twari kumwe bambajije bati harya Diyosezi ya RUHENGERI si hano itangiriye? Ntangira mbabwira ko dutangiye Busogo, mbabwira n'ibikurikira... ururimi ruragobodoka!
Musenyeri akomeza avuga ati" Mfite abo nsanze... Muze bavandimwe twubake Diyosezi yacu!".
Yarangije asaba abari aho kumusabira mu rugendo azatangira ku ya 21/02/2012 agiye i Roma, akagaruka akora umwiherero, akabona kwimikwa ku ya 24/03/2012.

Imbyino nazo ntizahabuze, abo ku Nyundo bati" Badutwaye inshuti y'amahoro...." Basoza bagira bati" Emera bakujyane, emera bakujyane iso yemeye Imana". Abo mu Ruhengeri nabo bacinya akadiho bataretse no kuririmba mu ndimi!

Byose byashojwe n'umugisha watanzwe na Nyiricyubahiro Umushumba wa Diyosezi ya NYUNDO akaba n'Umuyobozi wa Diyosezi ya NYUNDO nyuma yo gushimira Imana n'abayo.

Mubigejejweho

*na Padiri Jean Népomuscène **MALIYAMUNGU***

Econome Général wa Diyosezi ya NYUNDO

Andi mu mafoto ye y’uwo munsi murayasanga kuri aya mapaji akurikira

20.02.2012 15:39

20.02.2012 15:37